EGLISE ANGLICANE AU RWANDA
DIOCESE DE BYUMBA
B.P: 17 Byumba
Tel: (+250) 784977644
E-mail: earbyumba@ymail.com
Website: www.earbyumba.org

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO

ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BYO MU BIRO N'IBIKORESHO BY'ISHURI

N°: EAR-D/BY 0001

Itorero Angilikani ry'u Rwanda (EAR), Diyoseze ya Byumba rirahamagarira abantu ku giti cyabo cg sosiyete y'Ubucuruzi bujuje ibisabwa, gupiganira isoko ryo *kugemura ibikoresho byo mu biro n'iby'ishuri; ku biro bya Diyoseze, King Salomon Academy, Ikigo cy'Inama n'amahugurwa CDFC, Ishuri ry'Imyuga rya Kageyo, Imishinga na za Paruwase.*

Ibisabwa byose n'ibikenewe bigaragara mu gitabo cy'ipiganwa, gihabwa ugaragaje ko yishyuye ibihumbi cumi na bitanu (15,000 Frw) adasubizwa kuri konti N° *00060-00322017-75 EAR D/Byumba Administration* iri muri *Banki ya Kigali.*

Igitabo cy'Ipiganwa kiboneka mu biro bya Diyoseze mu masaha y'akazi (saa tatu 9h00 kugera saa kumi16h) kuva ku wa 16-23 Ukuboza 2020. Ushobora no kugisanga kuri www.earbyumba.org

Ukeneye ibindi bisobanuro yabaza Umunyamabanga w'umwepisikopi Tel. *0784977644* mu biro N° 23.

Ibitabo biteguye neza muri kopi eshatu biri mu mabahasha afunze neza bigomba kuba byageze ku munyamabanga w'Umwepisikopi bitarenze tariki ya 9 Mutarama 2021saa mbiri (8h00) za mugitondo. Amabahasha agomba kuba agaragaza ubwoko bw'isoko ripiganirwa.
Amabahasha azafungurirwa mu ruhame ku wa 9 Mutarama 2021 saa tatu (9h00) za mugitondo kuri Diyoseze mu cyumba cy'inama N° 31. Utarishyuye Frw yavuzwe haruguru ibahasha ye ntizitabwaho mu gihe cy'ifungurwa.

Itangwa ry'isoko rizakurikiza amabwiriza agenga amasoko muri EAR, Diyoseze ya Byumba.
Bikorewe i Byumba ku wa *15 Ukuboza 2020*

Eglise Anglicane au Rwanda
EVECHE
Diocese de Byumba

Mgr. Emmanuel Ngendahayo

Umwepisikopi